

REPUBLIKA Y'U RWANDA  REPUBLIC OF RWANDA	 RICA Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority	
TITLE: TECHNICAL REGULATION GOVERNING MEAT BUSINESSES		ID: DGO/REG/003

TITLE	TECHNICAL REGULATION GOVERNING MEAT BUSINESSES		
AUTHOR	Rwanda Inspectorate Competition and Consumer Protection Authority (RICA)		
AUTHORIZATION			
NAME:	Mrs. Beatrice UWUMUKIZA		
TITLE/POSITION:	Ag. Director General of RICA		
SIGNATURE:			
DATE:	10 th May 2022		
DOCUMENT CONTROL			
APPROVAL DATE	ISSUED TO	REVISION PERIOD	REVISION N°
May 10, 2022	Business operators & RICA stakeholders	Five years	00
CONTROL STATUS	Draft	Controlled	Obsolete
STAMP HERE			
PROTECTION	Read only		

**AMABWIRIZA N° DGO/REG/003 YO KUWA 25/04/2022
AGENGA UBUCURUZI BW'INYAMA MU RWANDA**

ISHAKIRO

Intangiriro

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge Ihiganwa mu bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA),

Hashingiwe ku itegeko No 31/2017 ryo kuwa 25/07/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge Ihiganwa mu bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA), cyane cyane mu ngingo yaryo 7;

Hashingiwe ku itegeko N° 36/2012 ryo kuwa 21/09/2012 rigenga ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi;

Hashingiwe ku itegeko N° 54/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda

Hashyizweho mabwiriza akurikira:

UMUTWE WA I: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 1. Intego y'aya mabwiriza

Intego y'aya mabwiriza ni ugushyiraho umurongo ngenderwaho mu bucuruzi bw'inyama kugira ngo bwubahirize ubuziranenge

**REGULATION N° DGO/REG/003 of 25/04/2022 GOVERNING
MEAT BUSINESSES**

TABLE OF CONTENTS

Preamble

The Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority (RICA);

Pursuant to law No 31/2017 of 25/07/2017 establishing RICA more especially on Article 6 and Article 7;

Pursuant to law N° 36/2012 of 21/09/2012 relating to competition and consumer protection;

Pursuant to the law N° 54/2008 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda

Hereby issues the following Technical Regulations:

CHAPTER I: GENERAL PROVISIONS

Article 1: Purpose of these regulations

The purpose of this technical regulation is to provide a regulatory framework to ensure compliance of meat businesses with market

bukenewe ku isoko, hitabwa k'uburenganzira bw'umuguzi hagamijwe kurengera ubuzima rusange, ibidukikije no kwimakaza ubucuruzi buciye mu mucyo.

Ingingo ya 2. Inyito

Aya mabwiriza yitwa: "**Amabwiriza ngengamikorere agenga ubucuruzi bw'inyama mu Rwanda**".

Ingingo ya 3. Ingingo ya 3. Ibirebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba ubucuruzi bwose bw'inyama zitahinduriwe umwimerere.

Ingingo ya 4. Ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanura:

- 1. Umuntu:** Umuntu ku giti cye, ikigo, sosiyete, ishyirahamwe cyangwa koperative byemewe n'amategeko bikora ubucuruzi bw'inyama bugengwa n'aya mabwiriza;
- 1. Usaba:** Umuntu usaba icyangombwa cyangwa uruhushya rwo gukora ubucuruzi bw'inyama ku Buyobozi bubishinzwe, agomba kuba nyir'ubucuruzi bw'inyama cyangwa umuhagarariye byemewe n'amategeko;
- 2. Ukora ubucuruzi:** Umuntu wese ukora ubucuruzi bugengwa n'aya mabwiriza ngengamikorere;
- 3. Busheri:** Inyubako ibikwamo inyama zitahinduriwe umwimerere kugira ngo zicuruzwe ku bagiye kuzirya

specifications, respect of consumer rights and supply chain sustainability with intention of protecting public health, environment and ensuring fair trade practices.

Article 2: Citation

This technical regulation shall be cited "**Technical regulations governing meat businesses in Rwanda**".

Article 3: Scope of the regulation

These regulations shall apply to all meat businesses which deal with unprocessed meat.

Article 4: Definition of key terms

In the context of this regulation, the following terms shall mean:

- 1. A person:** Any legal or natural person performing any regulated meat business;
- 2. Applicant:** A person who applies for Registration and Licensing of meat business to the regulatory authority and shall be the owner of the meat businesses or the legal representative;
- 3. Business Operator:** Any person carrying out a business regulated by this technical regulation;
- 4. Butchery:** A premise in which unprocessed meat is handled and or stored at the point of sale or delivery to the final consumer;

4. **Igikoresho cy'ubwikorezi:** Igikoresho icyo aricyo cyose gitwara inyama hagamijwe kugurisha;
5. **Inyubako:** Igice icyo aricyo cyose gikorerwamo/ gikoreshwa mu bucuruzi bw'inyama. "Inyubako" ntibisobanura gusa "inzu", ahubwo bivuze inzu ubwayo ndetse n'uburyo iyo nzu ikoreshwa mu bucuruzi bw'inyama
6. **Aho amatungo aruhukira:** Imbuga amatungo aruhukiraho mbere yo kubagwa;
7. **Uruhushya:** Inyandiko yemewe igaragaza ko umucuruzi yubahirije ibisabwa by'ibanze kandi ikamuha uburenganzira bwo gukora;
8. **Gutanga uruhushya:** Uburyo bukoreshwa na RICA mu gutanga impushya ku bashaka gukora ubucuruzi mu Rwanda nyuma yo gusuzuma ko bubahiriza ibisabwa byashyizweho;
9. **Umucuruzi w'inyama:** Umuntu wese ukora ubucuruzi bw'inyama buteganywa n'aya mabwiriza
10. **Ubucuruzi bw'inyama:** Ibikorwa byose byubucuruzi birimo kubaga, gutwara no kugurisha inyama zitahinduriwe umwimerere;
11. **Inzu zicururizwamo inyama:** Inzu iyo ariyo yose icururizwamo inyama mbisi zitahinduriwe umwimerere (harimo busheri n'amaduka mato acururizwamo inyama n'ibindi bicuruzwa)
5. **Carrier:** Any motorized or hand driven transport system in or on which meat may be carried by to any place for the purposes of selling;
6. **Establishment** (Also refer to definition of a "Premises") Any unit of a meat business. An "establishment" does not simply mean "premises", but is directly linked to the meat business occupying the premises (establishment denotes both premises and the manner in which those premises are being used by the meat business operator);
7. **Lairage:** Holding pens for livestock at a slaughterhouse prior to slaughtering;
8. **License:** an official document providing the permission to operate and stating that a business operator has complied with minimum requirements;
9. **Licensing:** a process by which licenses are issued by RICA to allow business operators to conduct business within Rwandan geographical jurisdiction, upon evaluation of compliance with requirements of specific predefined skills;
10. **Meat business operator (MBO):** The persons performing business in the sector regulated by this technical regulation;
11. **Meat businesses:** Any business activities including Slaughtering, Transporting and selling unprocessed meat;
12. **Meat retail shop:** Any premise in which unprocessed meat is sold (include butchery and meat shop);

- 12. Iduka ricuruza inyama:** Inzu icururizwamo inyama zitahinduriwe umwimerere ndetse n'ibindi bicuruzwa
- 13. Inyama:** Inyama zitukura cyangwa z'umweru mbisi zitahinduriwe umwimerere zavuye ku matungo yemewe kuribwa mu Rwanda
- 14. Imyuka ihumanya:** Imyuka mibi ituruka mu nganda cyangwa ahandi hose ishobora guhumanya ibiribwa, cyangwa no kwangiza ubuzima bw'abantu cyangwa kubangamira imibereho myiza yabo
- 15. Inyubako:** ahantu hose hakorerwa ubucuruzi bw'inyama;
- 16. icyemezo cy'iyandikwa:** icyemezo gihabwa inyubako cyangwa igikoresho cy'ubwikorezi cyujuje ibisabwa kugira ngo gikoreshwe mu gucuruza cyangwa gutwara inyama
- 17. Kwandikisha:** Igikorwa cyo kwandika no kubika inyandiko z'inyubako n'ibikoresho by'ubwikorezi byujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko kugira ngo bikoreshwe mu gutwara, gukwirakwiza no gucuruza inyama;
- 18. Urwego ngenzuramikorere (RA):** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge Ihiganwa mu bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA),
- 19. Ibagiro:** Ni inyubako cyangwa igikoresho kigenda gikoreshwa mu kubaga amatungo agenewe kuribwa n'abantu.
- 20. Inyama zitahinduriwe umwimerere:** Ni inyama zitagize icyo zikorwaho na kimwe kijyanye no kuzitunganya cyangwa zatunganijwe ariko ku kigero kidakuraho
- 13. Meat shop:** A shop such as mini or supermarket where unprocessed meat is sold with other commodities
- 14. Meat:** Unprocessed white and red flesh meat and offal of edible animals in Rwanda;
- 15. Objectionable odour:** any odour produced by industries or any other source that may be harmful or injurious to human health or welfare, or may unreasonably interfere with the comfortable use and enjoyment of life or property.
- 16. Premise:** a place from which meat businesses are operated;
- 17. Registration certificate:** a certificate issued to a registered premises or carrier meeting minimum requirements to handle, sale and transport meat
- 18. Registration:** The process of documenting and maintaining records of business premises and carriers which have complied with minimum legal requirements to be occupied, distribute, sale or transport meat;
- 19. Regulatory Authority (RA):** Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority (RICA);
- 20. Slaughterhouse:** Fixed establishment or mobile unit used for slaughtering and dressing animals intended for human consumption.
- 21. Unprocessed meat:** Meat that have not undergone processing or have undergone very minimal processing (processing level that does not eliminate animal health hazards) before being

ingaruka zateza ku buzima mbere yo kugurishwa. Muri zo harimo inyama zikasemo uduce duto, izakuwemo amagufa, iziseye, izakuweho uruhu, izogeje, izakonjeshejwe buhoro cyangwa cyane, izakuwemo ubukonje ndetse n'izapfunyitswe

UMUTWE WA II: KWANDIKISHA NO GUTANGA IMPUSHYA ZO GUKORA

Ingingo ya 5. Uruhushya rwo gukora ubucuruzi

Umucuruzi uwo ari we wese usibye abatwara inyama, wifuza gukora ubucuruzi bugengwa n'aya mabwiriza agomba kubanza kubihirwa uruhushya n'Urwego ngenzuramikorere.

Ingingo ya 6. Kwandikisha inyubako

Inyubako zikurikira zigomba kwandikishwa no kubanza guhabwa n'Urwego ngenzuramikorere ibyemezo byo kwandikwa mbere yo kuzikorera:

1. **Ibagiro**
2. **Inyubako zicururizwamo inyama**

Ingingo ya 7. Dosiye isaba Uruhushya rwo gukora

A: Inyandiko zikurikira zigomba gutangwa n'umuntu wese usaba uruhushya rwo gukora:

1. Inyandiko isaba yabugenewe yujuje neza kandi isinye

sold. These includes meat that have been sliced, boned, minced, skinned, cut, cleaned, chilled, frozen, deep-frozen or thawed, vacuum wrapped or wrapped in a controlled atmosphere.

CHAPTER II: REGISTRATION AND LICENSING PROVISIONS

Article 5: Licensing of business operations

Any business operator except meat transporters who wishes to carry out the business regulated by this regulation shall have to be licensed by the Regulatory Authority.

Article 6: Premise Registration

The following premises shall have to be registered and issued registration certificates by the regulatory authority prior to their use:

1. Slaughter facilities
2. Meat wholesale and retail shops

Article 7: Licensing application file

A: The following documents shall be submitted by any person applying for operational license:

1. Duly filled and signed application form;

- | | |
|--|--|
| <ol style="list-style-type: none"> 2. Kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi cyatanzwe n'Urwego ngenzuramikorere cyangwa kopi y'indangamuntu ku muntu ku giti cye 3. Kopi y'uruhushya usaba asanzwe akoresha rwatanzwe n'Urwego ngenzuramikorere (niba asaba kongeresha) 4. icyemezo cyo kutaberamo leta imyenda y'imisoro; 5. icyemezo cy'Ubwiteganyirize; 6. Inyemezabwishyu y'amafaranga asabwa mu gusaba uruhushya rwo gukora; | <ol style="list-style-type: none"> 2. Copy of business registration certificate issued by the Competent Authority or a copy of ID for an individual; 3. Copy of existing operational license issued by the Regulatory Authority (if it is for renewal); 4. Proof of Tax Clearance; 5. Proof of Social Security Clearance; 6. Proof of payment of applicable fees. |
|--|--|

B: Ku bakoresha amabagiro, ku byangombwa bivuzwe hejuru hiyongeraho gutanga ibyangombwa bikurikira:

1. Kopi z'impamyabumenyi ziriho umukono wa Noteri ku bagenzuzi b'inyama.
2. Kopi y'amasezerano y'akazi y'umukozi upima inyama ariho umukono wa Noteri
3. Kopi y' icyemezo cy'iyandikwa ry'ibagiro cyatanzwe n'Urwego ngenzuramikorere
4. Kopi y'amasezerano yo gukodesha ibagiro niba urikoresha atariwe nyiraryo;
5. Kopi y'ibyemezo by'iyandikwa nk'Abagenzuzi b'inyama bigenga zatanzwe n'Urwego ngenzuramikorere;
6. Urutonde rw'abakozi na kopi z'ibyangombwa byabo bya Muganga

B: Operators of slaughter facilities in addition to the documents mentioned in A shall submit the following documents:

1. Notarized copies of the academic qualifications for meat inspectors.
2. Notarised copies of meat inspectors' contracts;
3. A copy of slaughterhouse registration certificate issued by Regulatory Authority;
4. A copy of slaughterhouse lease agreement if the operator is not the owner;
5. Copies of registration certificates as private meat inspectors issued by the Regulatory Authority;
6. List of workers with their valid medical health certificates.

Ingingo ya 8. Umwanzuro k'ubusabe bw'uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa

Umwanzuro ugendanye n'ubusabe bw'uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa kimenyeshwa usaba mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uherye igihe ubusabe bwuzuye bwakiriwe.

Ingingo ya 9. Ubujurire

Iyo ubusabe bw'uruhushya rwo gukora cyangwa icyemezo cy'iyandikwa bwanzwe, usaba afite uburenganzira bwo kujuririra icyo cyemezo binyuze mu nzira zo gukemura ibibazo n'iz'ubujurire ziteganywa kandi zatangajwe n'Urwego ngenzuramikorere.

Ingingo ya 10. Igihe uruhushya rwo gukora cyangwa icyemezo cy'iyandikwa bimara bifite agaciro no kubyongerasha

1. Icyemezo cyo kwandikwa / uruhushya rwo gukora byahawe ibagiro hakurikijwe aya mabwiriza ngengamikorere, bigira agaciro mu gihe cyimyaka ibiri (2) ibarwa uherye igihe byatangiwe gishobora kongerwa.
2. Icyemezo cyo kwandikwa / uruhushya rwo gukora rwahawe inyubako zicururizwamo inyama hamwe n'abatwara inyama, hakurikijwe aya mabwiriza bigira agaciro mu gihe cy'umwaka umwe (1) ubarwa uherye igihe byatangiwe kandi gishobora kongerwa.

Article 8: Decision on application for License or certificate

Decision on License or certificate application shall be communicated in writing within thirty (30) calendar days from the day of complete application file has been received.

Article 9: Appeal

If the application for operational license or registration certificate is declined, the applicant has the right to address his/her complaint as stipulated in the appeal/complaint procedure published by the Regulatory Authority.

Article 10: Validity and Renewal of a registration certificate/ operational license

1. A registration certificate/ operational license issued to slaughterhouse under this technical regulation, shall be valid for a period of two (2) years from the date of issue and is renewable.
2. A registration certificate/ operational license issued to meat retail shops and meat carriers, under this technical regulation shall be valid for a period of one (1) year from the date of issue and is renewable.

Ingingo ya 11. Kongeresha agaciro/ kuvugurura uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa

Abari mu bucuruzi bagomba gutanga ubusabe bwo kuvugurura impushya cyangwa ibyemezo by'iyandikwa basanganywe byibuze amezi abiri (2) mbere yuko impushya/ibyemezo birangira.

Ibisabwa n'inzira inyurwamo mu kongeresha agaciro uruhushya/icyemezo ni bimwe n'ibyakoreshajwe k'ubusabe bwa mbere

Ingingo ya 12. Guhererekanya uruhushya n'icyemezo cyo kwandikwa

Uruhushya rwo gukora ntiruherekanywa. Ariko, icyemezo cy'iyandikwa gishobora guhererekanywa bimaze kwemezwa n'Urwego ngenzuramikorere

Ingingo ya 13. Kumenyeshya impinduka z'ingenzi zabaye mu bucuruzi

Ucuruza agomba kumenyekanisha ku rwego ngenzuramikorere nibura ibyumweru bitatu (3) mbere yo gukora impinduka zigendanye no guhindura aho yakoreraga ndetse n'izindi mpinduka izo ari zo zose z'ingenzi.

Article 11: Renewal of the license

Business operators must submit the renewal application at least two (2) months before expiration of existing licenses.

The licensing renewal procedures and the criteria for approval are the same as initial application process.

Article 12: Transfer of operational license and certificate of registration

An operational license is not transferable. However, the transfer of registration certificates is subject to approval by the Regulatory Authority.

Article 13: Notification of change of particulars to the Authority

The business operator shall notify the Authority of any changes of the physical address, or any other changes relevant to the Authority at least three (3) weeks before such changes are implemented.

Ingingo ya 14. Gusubiza uruhushya rwo gukora

Umucuruzi wifuza guhagarika ibikorwa by'ubucuruzi abimenyeshya Urwego ngenzuramikorere amezi atatu (3) mbere yo guhagarika ibikorwa.

Imenyekanisha rikozwe nyuma y'uko uruhushya rurangiye rirahanirwa

Ingingo ya 15. Guhagarika uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa

Urwego ngenzuramikorere rushobora guhagarika uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa, bigakorwa mu nyandiko mu gihe ukora ubucuruzi yananiwe kubahiriza ibisabwa

Umucuruzi wese ufite icyemezo cyangwa uruhushya rwahagaritswe kubera kutubahiriza ibisabwa agomba kumenyeshya Urwego ngenzuramikorere mu nyandiko ingamba zafashwe zo gukosora mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi.

Urwego ngenzuramikorere rugomba gusubiza mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe imenyekanisha ryakiriwe

Ingingo ya 16. Kwamburwa uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa

Urwego ngenzuramikorere rushobora kwambura uwahawe uruhushya/icyemezo cy'iyandikwa mbere yuko agaciro karwo karangira bitewe na kimwe muri ibi bikurikira:

- Habayeho gutanga amakuru atariyo cyangwa ayobya bigambiriwe mu gihe cyo gutanga uruhushya, cyangwa mu

Article 14: Surrendering the operational license

A business operator who wishes to stop business operations shall notify the Regulatory Authority three (3) months before ceasing the activities.

Notifications that are done after expiration of the issued license shall be subject to penalties.

Article 15: License or certificate suspension

The Regulatory Authority shall suspend in writing the license or certificate if the operator fails to comply with any of the obligations.

Any business operator whose certificate or license has been suspended due to some noncompliance shall send to the Regulatory Authority in writing the corrective measures put in place in not more than fifteen (15) working days.

The Regulatory Authority shall respond to the notification in not more than fifteen (15) working days from the day of notification.

Article 16: Operational License and registration certificate revocation

The Regulatory Authority may revoke the license or certificate before the expiration of its term due to any of the following:

- Submission of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority during licensing or in

bugenzuzi bw' Urwego ngenzuramikorere rugasanga harabayeho gutanga amakuru atariyo cyangwa ayobya;

- Habayeho kunyuranya n'amategeko, amateka, n'amabwiriza abigenga

- Uwahawe uruhushya yanze ko Urwego ngenzuramikorere rukora ubugenzuzi bw'aho akorera, cyangwa yanze gukorana narwo;

- Kunanirwa kubahiriza amabwiriza yatanze n'Urwego ngenzuramikorere;

- Kunanirwa kubahiriza amabwiriza yo guhagarikirwa uruhushya/icyemezo

- Insubiracyaha ku kunyuranya cyangwa kwica inshingano z'uwahawe uruhushya

Imenyekanisha ryo kwamburwa uruhushya rikorwa n'Urwego ngenzuramikorere mu nyandiko igaragaza n'impamvu zo kwamburwa uruhushya

Kunanirwa gukosora impamvu zateye kwamburwa uruhushya mu gihe cy'iminsi 14 bituma umucuruzi yamburwa uruhushya ndetse n'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi

Ingingo ya 17. Gutakaza icyemezo cy'iyandikwa cyangwa uruhushya

Uwahawe uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa amenyesha Urwego ngenzuramikorere itakara ry'uruhushya cyangwa icyemezo cy'iyandikwa kandi agasaba kopi yacyo mu

response to field verifications or in response to Regulatory Authority's inspection or audit requirements;

- Breach of relevant laws, orders, regulations or guidelines in force;

- The license holder refusal to provide timely access to the Regulatory Authority or inspection of the holder facilities and corporate records;

- Failure to comply with an enforcement notice issued by the Regulatory Authority;

- Failure to comply with the directives of the suspension order;

- The operator repeatedly breaches the license obligations.

A revocation notification initiating the revocation shall be issued to the business operator by the Regulatory Authority with the reasons for revocation;

Failure to correct the revocation causes within fourteen (14) calendar days, shall result into revocation and the business operator shall be requested to submit the registration certificate or license issued to him.

Article 17: Loss of registration certificate or license

The certificate or license holder shall notify the regulatory authority about the loss of a license or certificate and request for

gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira umunsi icyemezo cyangwa uruhushya byatakariye.

Dosiye isaba kopi y'uruhushya cyangwa icyemezo cyatakaye, iba igizwe n'ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi mukuru w'Urwego ngenzuramikorere kandi igaherekezwa n'icyemezo gitangwa n'Ubuyobozi bubifitiye ububasha cyemeza ko icyo cyangombwa cyatakaye

Ubusabe bwa kopi y'icyemezo/uruhushya byatakaye buherekezwa no kwishyura amafaranga angana n'asanzwe yishyurwa uruhushya cyangwa icyemezo

Ibisabwa kugira ngo hatangwe kopi y'uruhushya cyangwa iy'icyemezo cyatakaye ni bimwe n'ibyasabwe mbere mu gutanga uruhushya cyangwa icyemezo

UMUTWE WA III: IBISABWA RUSANGE KU MABAGIRO

Ingingo ya 18. Ubwoko nicyiciro cy'ibagiro

Amabagiro arimo amoko abiri: ibagiro ryubatse ndetse n'ibagiro rigenda. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibyiciro by'amabagiro kuri buri bwoko.

Ubwoko	Icyiciro	Ubushobozi bw'ibagiro bwo kubaga ku munsi			
		Inka	Amatungo magufi	Inkoko / Inkwavu	Ingurube
Ibagiro ryubatswe	Ibagiro rinini	Guhera ku nka 100	Guhera kuri 500	Guhera ku 2000	Guhera kuri 300

the duplicate within 15 calendar days following the day the certificate or license has been lost.

The application for duplicate shall include the application letter addressed to the Director General of the Regulatory Authority and it must be accompanied by the certificate of loss provided by the Competent Authority.

The request for duplicate of the certificate or license shall be subject to the payment of the full license or certificate fee.

The conditions for the duplicate of the license or certificate remain the same as the original certificate or license.

CHAPTER III: GENERAL REQUIREMENTS FOR SLAUGHTERHOUSES

Article 18: Types and categories of slaughterhouses

There are two types of slaughterhouses: fixed and mobile slaughterhouses. The table below shows the categories of slaughterhouses for each type.

Types	Categories	Installed slaughter capacity of the slaughterhouse per day			
		Cattle	Small ruminants	Poultry / Rabbit	Pigs
Fixed slaughterhouse	Large-size slaughterhouse	100 min	More than 500 min	More than 2000	More

	Ibagiro riciriritse	11-99	50-499	501-1999	50-299
	Ibagiro rito	Inka zitarenze 10	Atarenze 49	Zitarenze 500	Zitarenze 49
	Ibagiro riri ahorererwa	-	-	Zitarenga 100	-
Ibagiro rigenda	Ibagiro rigenda	Biterwa nubushobozi ryakoranywe			

Ingingo ya 19. Guhindura icyiciro cy'ibagiro

Guhindura icyiciro cy'ibagiro byemezwa n'Urwego ngenzuramikorere bisabwe n'ubuyobozi bw'ibagiro hashingiwe kuri raporo y'ubugenzuzi bwakozwe n'Urwego ngenzuramikorere

Ingingo ya 20. Gusaba no gutanga uruhushya rwo kubaka ibagiro

Umuntu wese ushaka kubaka ibagiro agomba, mbere yo gutangira imirimo iyo ariyo yose, gusaba no guhabwa uruhushya rwo kubaka ibagiro. Ubusabe bugomba kuba bugizwe n'ibyangombwa bikurikira:

1. Inyandiko isaba yujuje neza kandi isinye;

					than 300
	Medium-size slaughterhouse	11-99	50-499	501-1999	50-299
	Small-size slaughterhouse	10 Max	49 max	500 max	49 max
	On-farm slaughterhouse	-	-	100 max	-
Mobile slaughterhouse	Mobile slaughter	It depends on its installed capacity			

Article 19: Change of slaughterhouse category

The change of slaughterhouse category shall be authorized by Regulatory Authority upon the request of the Management of the slaughterhouse basing on the report of inspection conducted by the Regulatory Authority.

Article 20: Application for and issuance of slaughterhouse construction authorization

Any person who intends to set up a fixed slaughterhouse shall, before any work on site starts, apply and be granted with the authorization. The application shall include the following documents:

1. Duly filled and signed application form;

- | | |
|--|---|
| <p>2. Kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi cyangwa icyemezo cya koperative cyatanzwe n'uwego rubifitiye ububasha; Kopi y'indangamuntu ku muntu kugiti cye</p> | <p>3. A copy of business registration certificate or Cooperative certificate issued by the competent authority or a copy of ID for individuals;</p> |
| <p>3. Igishushanyo mbonera cy'inyubako y'ibagiro</p> | <p>4. Architectural design of the slaughterhouse;</p> |
| <p>4. Kopi y'icyemezo cy'isuzumangaruka ku bidukikije (EIA) gitangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;</p> | <p>5. A copy of an Environmental Impact Assessment (EIA) Certificate issued by competent authority;</p> |
| <p>5. Amasezerano y'ubukode bw'ubutaka yatanzwe n'Urwego rubifitiye Ububasha;</p> | <p>6. Land lease contract delivered by the Competent Authority;</p> |
| <p>6. icyemezo kigaragaza ko ahagiye kubakwa ibagiro hubahirije igishushanyo mbonera.</p> | <p>7. Approval document from the competent authority that the site is complying with the physical masterplan.</p> |

Nyuma yo gusuzuma ibyangombwa by'ubusabe no kugenzura igishushanyo mbonera cy'inyubako y'ibagiro bikaba byujuje ibisabwa, usaba ahabwa uruhushya rwo kubaka ibagiro.

After the satisfactory review of the preliminary documentation and compliance verification of the structural design, the applicant shall be given the slaughterhouse construction authorization.

Ingingo ya 21. Gusaba no gutanga uruhushya rwo gutumiza ibagiro rigenda

Article 21: Application for and issuance of import permit for mobile slaughter Unit

Umuntu wese ushaka gutumiza ibagiro rigenda agomba kubanza gusaba kandi agahabwa uruhushya mbere yo gutumiza ibagiro mu mahanga. Ubusabe bugomba kuba bugizwe n'ibyangombwa bikurikira:

Any person who intends to import a mobile slaughter facility shall seek and be granted with the authorization prior to import it. The application shall include the following documents:

- | | |
|---|---|
| <p>1. Inyandiko isaba yujuje neza kandi isinye;</p> | <p>1. Duly filled and signed application form;</p> |
| <p>2. Kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi cyangwa icyemezo cya koperative gitangwa n'Urwego rubifitiye ububasha cyangwa kopi y'indangamuntu ku bantu ku giti cyabo;</p> | <p>2. A copy of business registration certificate or Cooperative certificate issued by the competent authority or a copy of ID for individuals;</p> |

3. Igishushanyo n' Inyandiko bigaragaza imiterere, imikorere n'ibikoresho bizaba biri mu ibagiro rigenda rigiye gutumizwa mu mahanga.

Ingingo ya 22. Idosiye isaba kwandikisha ibagiro

Ubusabe bugomba kuba bukubiyemo inyandiko zikurikira:

1. Ifishi yujuje neza kandi isinye;
2. Kopi y'icyemezo cy'iyandikwa ry'ubucuruzi cyangwa kopi y'icyemezo cya koperative bitangwa n'inzego zibishinzwe cyangwa kopi y'indangamuntu k'umuntu ku giti cye
3. Kopi y'uruhushya rwo kubaka ibagiro cyangwa uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibagiro rigenda byatanzwe n'Urwego ngenzuramikorere
4. Igishushanyo mbonera cy'inyubako y'ibagiro
5. Inyemezabwishyu y'amafaranga asabwa mu gusaba kwandikisha ibagiro

Ingingo ya 23. Ahubakwa ibagiro

Ahubakwa ibagiro hagomba kubahiriza ibi bikurikira:

SN	Ibigenderwaho	Icyiciro cy'ibagiro	Ibisabwa aho riherereye
1.	Intera hagati y'ibagiro n'ahari igishanga, ibidendezi by'amazi n'amariba maremare	Ibyiciro byose	300m

3. The design, layout, operating business model and materials equipped with the Mobile Slaughter Unit to be imported.

Article 22: Application file for slaughter facility registration

The application shall include the following documents:

1. Duly filled and signed application form;
2. A copy of business registration certificate or copy of cooperative certificate issued by the competent authorities or a copy of ID for an individual;
3. A copy of slaughter facility construction authorization for fixed slaughterhouse or import authorization for mobile slaughter unit issued by Regulatory Authority;
4. Architectural design of the slaughter facility;
6. Proof of payment of prescribed fees.

Article 23: Location of the slaughterhouse

The location of the slaughterhouse shall comply with the following requirements:

SN	Parameter	Slaughterhouse category	Minimum requirement
1.	Distance from swamp, permanent surface water bodies and deep wells	All	300m
2.		Small	100m
		Medium	200m

2.	Intera hagati y'ibagiro n'ahantu hagenewe gutura abantu	Rito	100m
		Riciriritse	200m
		Rinini	300m
3.	Intera hagati y'ibagiro n'ahororewe cyangwa ahari ibikorwa rusange	Rito	100m
		Riciriritse	200m
		Rinini	300m
4.	Intera hagati y'ibagiro n'ahari inganda zisohora imyuka ihumanya	Ibyiciro byose	500m
5.	Intera hagati y'ibagiro n'ahajugunywa imyanda (Ibimpoteri rusange)	Ibyiciro byose	2km
6.	Intera hagati y'ibagiro n'ibibuga by'indege	Ibyiciro byose	Kubahiriza amabwiriza y'indege za gisivili
7.	Kuba hegereye umuhanda	Ibyiciro byose	Bigomba kubahirizwa
8.	Kuba hari amazi meza	Ibyiciro byose	Bigomba kubahirizwa

Ibisabwa ku gace ka 3 ntibikurikizwa ku mabagiro yubatswe ahororerwa

Ingingo ya 24. Ibisabwa ku miterere n'ibice bigize ibagiro

Ibisabwa bikurikira bigomba kubahirizwa mu kubaka ibagiro:

	Distance from residential areas for small slaughterhouses	large	300m
3.	from farms and social services	Small	100m
		Medium	200m
		Large	300m
4.	from objectionable odour emanating industries	All	500m
5.	from public waste disposal site (land fill)	All	2km
6.	from airfields	All	According to Civil Aviation's regulation
7.	Direct accessibility by the permanent road	All	Must comply
8.	Availability of potable water	All	Must comply

Requirement 3 shall not apply to on-farm slaughterhouses

Article 24: Slaughterhouse design, layout and structural requirements

The following requirements shall apply to slaughterhouses:

1. Igishushanyo mbonera cy'ibagiro kigomba guteganya amarembo atandukanye, hakaba ahinjirira amatungo aje kubagwa n'ahasohokera inyama;
2. Ku marembo ndetse no ku miryango y'ibagiro hagomba kuba ahantu habugenewe hari umuti wica udukoko, imodoka zinjira zinyuramo ndetse n'abantu;
3. Inyubako, ibyumba, n'ibice byose bigize ibagiro bigomba kuba byubatse mu bikoreho bikomeye, bigahorana isuku kandi bigafatwa neza;
4. Ibagiro rigomba kubakwa mu buryo butuma habaho icyerekezo kimwe cy'ibikorwa byo kubaga kugira ngo hirindwe kwanduzanya hagati y'amatungo atarabagwa n'ayamaze kubagwa;
5. Hagomba kubaho itandukaniro rigaragara hagati y'ahakorerwa imirimo isukuye n'ahakorerwa imirimo yanduye;
6. Inyubako igomba gusigwa irangi rikeye kandi ryoroshye gusukura;
7. Pavoma igomba kuba ikozwe mu bikoreho bitanyerera, bikomeye, bitinjirwamo n'amazi kandi byoroshye gusukura;
8. Aho inkuta zihurira na pavoma hagomba kuba haburungushuye;
9. Inkuta zigomba kuba ziriho amakaro yera kuva kuri pavoma kugera nibura kuri metero imwe hejuru y'ibyuma bisunika amatungo ari kubagwa;
1. Slaughterhouse design shall provide for the separate gates for entry of slaughter animals and exit of the products;
2. There shall be appropriate footbath and vehicle wheel bath for disinfection at entry gate and at the entry door of the slaughterhouse;
3. Buildings of the establishment, including their structures, rooms, and compartments shall be made of solid materials, kept clean and in good repair;
4. The slaughterhouse shall be designed and constructed in a manner so as to allow one directional flow of slaughtering operations to prevent cross- contamination between live animals and dressed carcasses;
5. There shall be a clear separation between clean and unclean working operations;
6. The premises shall be painted with durable and light-coloured paint that is easy to clean;
7. Floors shall be made of non-slip, hard, waterproof and washable materials;
8. All floor and wall junctures shall be rounded;
9. Walls shall be made of white and smooth tiles from the floor up to a minimum of 1 m above the level of rails;

- | | |
|--|--|
| <p>10. Amadirishya n'indi myenge bigomba kubakwa neza kandi hariho utuyungirizo turinda umukungugu ndetse n'udukoko kwinjira nk'imbeba n'amasazi;</p> | <p>10. Windows and all openings shall be constructed, maintained and meshed to prevent the entrance of dust and pests, such as flies, rats and mice;</p> |
| <p>11. Iparafo igomba kuba yubatse neza kuburyo birinda ukwiyegeranya kw'inyanda, kuvirwa kandi yoroshye gusukura;</p> | <p>11. Ceilings shall be so constructed and finished as to prevent condensation, leakage, and formation of moulds and can be easily cleaned;</p> |
| <p>12. Kuba hari bikoresho bihagije byo gukaraba intoki, isabune n'amazi n'ibikoresho byo kumutsa intoki;</p> | <p>12. Adequate hand wash facilities, liquid soap and hand drying facilities shall be provided for meat handlers;</p> |
| <p>12. Ahantu n'ibikoresho byose bihura n'inyama bigomba kuba bikoze mu bikoresho bidatanga uburozi, bitinjirwamo n'amazi kandi byoroshye gusukura;</p> | <p>13. All surfaces which may be in contact with carcasses shall be non-toxic, smooth, impervious and in sound condition;</p> |
| <p>13. Ibikoresho bikoreshwa mu kubaga bigomba kuba bikoze mu byuma bitagwa umugese;</p> | <p>13. The slaughtering equipment in direct contact with meat shall be in stainless steel;</p> |
| <p>14. Hagomba kuba hari ibikoresho byinjiza umwuka mwiza mu ibagiro mu rwego rwo kurwanya umwuka utari mwiza;</p> | <p>14. Ventilation facilities shall be provided to control odour, vapour and condensation;</p> |
| <p>15. Urumuri rusanze cyangwa urutangwa n'amatara rugomba kuba ruhari mu buryo buhagije. Urumuri rutangwa n'amatara ntirugomba kuba ruri mu mabara. Amatara n'ibindi bikoresho biri hejuru y'ahatunganyirizwa inyama bigomba kuba bikoze ku buryo bitateza impanuka yatuma habaho kwanduza inyama</p> | <p>15. Adequate natural or artificial lighting shall be provided throughout the abattoir and the lighting shall not alter colours. Light bulbs and fixtures suspended over meat in any stage of production shall be of safety type and protected to prevent contamination of meat in case of breakage;</p> |
| <p>16. Nta gice na kimwe cy'ibagiro gishobora gukoreshwa nkaho kuba cyangwa kuryama keretse mu gihe hari urukuta rukomeye rugitandukanya n'ibagiro</p> | <p>16. No portion of the slaughterhouse premises shall ever be used for living or sleeping purposes unless it is separated from the slaughterhouse by a wall;</p> |

17. Ibagiro rigomba kuba rizitiye ku buryo bituma nta nyamaswa zizerera cyangwa abantu batabifitiye uburenganzira bakwinjiramo. Uruzitiro rugomba kuba rukomeye kandi rufite uburebure nibura bwa metero 2;

18. Kudandaza inyama bigomba gukorerwa hanze y'ibagiro.

Ingingo ya 25. Ibice by'ibagiro

Ibagiro rigizwe n'ibice bikurikira:

A. Ahantu ho kwakirira amatungo

1. Ibagiro rigomba kugira ahantu ho kwakirira amatungo hafite ubunini buhagije bitewe n'icyiciro ririmo ndetse n'ubwoko bw'amatungo ryakira. Hagomba kuba hari amatara ahagije mu gihe hari amatungo yakirwa mw'ijoro;

2. Umwanya ukenewe kuri buri tungo ni meterokare 3 ku matungo manini na meterokare 0,75 ku matungo magufi;

3. Pavoma igomba kuba ikozwe na sima itanyerera ifite ubuhaname bwa 1% bwerekeza mu muyoboro w'amazi;

4. Kuba hari urupango rufite pavoma ikozwe na sima itanyerera

Iki gice ntigisabwa ku ibagiro ryubatse ahororerwa.

B. Aho amatungo aruhukira

1. Aho amatungo aruhukira hagomba kuba hagabanyijemo ibice byoroshya kwakira amatungo y'ubwoko butandukanye aje kubagwa;

17. The slaughterhouse shall be fenced to prevent access to stray animals and unauthorized persons. The fence shall be solid and impenetrable with a minimum height of 2 m;

18. Meat retail shall be physically excluded from slaughterhouse premises.

Article 25: Sections of the slaughterhouse

The slaughterhouse shall comprise of the following sections:

A. Reception area of animals

1. The slaughterhouse shall have reception area of adequate size depending on its category and animal species. It shall have adequate artificial lighting if animals are offloaded at night;

2. Space requirement per head shall be considered at 3 m² for large animals and 0.75 m² per small animals;

3. The floor shall be paved or be rough cement screed with 1% slope to the drainage canal;

4. There shall be provided a crush with paved floor;

This section does not apply to on-farm slaughterhouses.

B. Lairage

1. Lairage shall be divided into pens to facilitate a separation of different types of slaughter animals as appropriate;

2. Muri buri gice, umwanya usabwa ku itungo ni meterokare 3 ku matungo manini na meterokare 0,6 ku matungo magufi;
3. Hagomba kuba hari uburyo butanga igicucu ku matungo ategereje kubagwa;
4. Pavoma igomba kuba ikomeye ikozwe na sima itanyerera ifite ubuhaname bwa 1.5 % bwerekeza mu muyoboro w' amazi;
5. Kuba hari inzira ikozwe na sima itanyerera ihuza aho amatungo aruhukira n'ahabagirwa;
6. Hagomba kuba hari amazi meza kandi ahagije yo kunywa ku matungo ategereje kubagwa;
7. Hagomba kuba itandukaniro rigaragara hagati y'aho amatungo aruhukira n'ahabagirwa;

Iki gice ntigisabwa ku ibagiro ryubatse ahororerwa

C. Aho kubagira no gufata neza inyama

1. Kubaga bikorerwa mu gice cyagenewe kubagirwamo mu ibagiro;
2. Amatungo mazima ari aho ategerereza ntigomba kubona aho andi ari kubagirwa
3. Igice cyagenewe kubagirwamo kigomba kuba cyubatse mu buryo butuma uruhererekane rwo kubaga, amatungo abagwa akagenda inzira imwe nta gusubira inyuma cyangwa kunyuranamo kugira ngo hirindwe kwanduzanya

2. In each pen space requirement per head shall be considered at 3 m² for large animals and 0.6 m² per small animals;
3. There shall be facilities in the lairage that provide the shed for animals;
4. Floor shall be paved or rough cement screed with 1.5% slope to the drainage canal;
5. Lairage shall be connected the slaughter hall with concrete pavement path;
6. There is an adequate supply of clean water for drinking and cleaning;
7. There shall be a physical separation between lairages and slaughtering areas;

This section does not apply to on-farm slaughterhouses

C. Slaughtering and meat handling areas

1. Slaughtering and handling of meat shall be carried out in the slaughterhouse premises;
2. Live animals in lairages shall not have access to watch the slaughtering of others;
3. Slaughtering area shall be constructed in such a way as to ensure that the slaughtering line is well designed so that the animals are constantly moving forward to avoid cross contamination;

4. Kuba hari itandukaniro rigaragara hagati y'uruhererekane rwo kubaga ku matungo atandukanye

5. Ahabagirwa hagomba kuba hafite ibice bikurikira:

C.1. icyumba cyo gutesherezamo ubwenge

1. Hagomba kuba hari icyumba/ahantu hihariye ho guteshereza ubwenge kuri buri bwoko bw'amatungo

2. Kuba hari ibikoresho byabugenewe byo gutesha ubwenge kuri buri bwoko bw'amatungo

3. Pavoma y'icyumba/ahantu ho guteshereza ubwenge igomba kuba iri hejuru nibura cm 35 ya pavoma y'aho amatungo avushirizwa

Iki gice ntigisabwa ku ibagiro ryubatse ahororerwa.

C.2. Ahantu ho kuzamurira amatungo

Hagomba kuba hari uburyo/ibikoresho byo kuzamura amatungo ari kubagwa

C.3. Aho kuvushiriza amaraso

1. Hagomba kuba hari ahantu hisanzuye ho kuvushiriza amatungo hitaruye ku buryo amaraso adatarukira kuyandi matungo ari kubagwa

2. Kuvusha bigomba gukorerwa ku matungo yazamuwe hejuru, kandi ku byuma bifite uburebure buhagije kuburyo amatungo adakora kuri pavoma

4. There shall be physical separation between slaughtering lines for different species of animals;

5. Slaughterhouse premises shall provide the following areas and facilities:

C. 1. Stunning room

1. There shall be a separate room/area designated for stunning of animals depending on the species;

2. Appropriate stunning equipment/means shall be provided according to the slaughtered animal species;

3. The floor of the stunning box/ room shall be 35 cm raised above the floor of the breeding site.

This section does not apply to on-farm slaughterhouses.

C. 2. Hoisting area

A suitable means of hoisting the slaughtered animal shall be provided.

C. 3. Bleeding area

1. Bleeding area of adequate size shall be provided and be so located that the blood shall not be splashed on other animals being slaughtered or on the carcass being skinned;

2. Bleeding shall be done on hanging animals and rails shall be of sufficient height for the animals to hang above the floor;

3. Niba amaraso agomba gukusanyirizwa hamwe kugira ngo akoreshwe, hagomba kuba hari ibikoresho byo kuyakusanyirizamo, bitabaye ibyo amaraso yoherezwa mumiyoboro itwikiriye itwara amazi yanduye

C.4. Aho gukuriraho uruhu/amababa

1. Gukuraho uruhu bikorwa ku matungo amanitse;
2. Kuba hari ibikoresho byabugenewe byo gukuraho uruhu
3. Kuba hari uburyo/ibikoresho byo gushyiramo impu, amaguru, amahembe, ibinono, n'ibindi
4. Mu ibagiro ry'inkoko, hagomba kuba hari ibikoresho byabugenewe bifite amazi ashyushye yo gushyiramo inkoko n'ibyo gukuraho amababa
5. Mu ibagiro ry'ingurube, hagomba kuba ibikoresho/uburyo bukwiye bwo gukuraho ubwoya.

C.5. Aho gukuriramo ibyo munda

1. Ibikoresho byabugenewe byo gukuramo ibyo munda bigomba kuba bihari
2. Uburyo/ibikoresho byifashishwa mu kwica za microbe bigomba kuba bihari
3. Ibikoresho byo gutunganya inyama zo munda bigomba kuba bihari

3. If blood is to be collected for further use, there shall be a blood tank otherwise the blood shall be conducted through drainage channels covered by movable grids resulting in proper drainage of wastewater.

C. 4. Skinning/ de-feathering area

1. Flaying of carcasses shall be done on hanging animals;
2. Adequate means and tools for skinning of animals shall be provided;
3. Means for immediate disposal of hides/ skins, legs, horns, hooves, etc, shall be provided;
4. In poultry slaughterhouse, an area and facilities for scalding and de-feathering shall be provided;
5. In pig slaughterhouse, appropriate means for scalding shall be provided.

C. 5. Evisceration area

1. Appropriate evisceration facilities shall be provided for the eviscerator to do the job hygienically;
2. Evisceration tools and sterilisation facilities shall be made available;
3. Facilities for handling red and green/rough offal's shall be provided;

4. Ibikoresho byo kwakira amayezi bigomba kuba bihari

C.6. Aho gukatira no kogereza ibikanka

1. Ibikoresho byabugenewe byo gukata ibikanka bigomba kuba bikoze mubyuma bitagwa umugese

2. Amazi meza kumuvuduko uhagije agomba kuba ahari yifashishwa mugukuraho amaraso , amagufwa, nindi myanda yose ku gikanka;

Iki gice ntigisabwa ku ibagiro ryubatse ahororerwa.

C.7. Ahakorera ubugenzuzi bw'inyama

Ibikoresho bikurikira, imiterere nibindi bishobora kuba ngombwa mugusuzuma no gufata neza inyama bigomba kuba Bihari:

1. Kuba hari umwanya uhagije, ibikoresho bikwiye kugira ngo hagenzurwe inyama ku matungo yose yabazwe

2. Kuba hari ibikoresho bihagije byo gukaraba intoki, gusukura ibikoresho na pavoma

3. Kuba hari ibikoresho bihagije byo byo gushyiramo inyama zajugumywe

4. Kuba hari urumuri rusanze ruhagije cyangwa amatara ahagije

4. Appropriate facilities for hygienic handling of viscera content shall be provided.

C. 6. Carcass splitting and washing area

1. Appropriate carcass splitting equipment made of stainless steel shall be provided where applicable;

2. Potable water at sufficient pressure shall be provided to remove all blood, bone, marrow and all other dirt from dressed carcasses;

This section does not apply to on-farm slaughterhouses

C. 7. Inspection area and facilities

The following facilities, conditions and others that may be essential for efficient inspection and maintenance of sanitary conditions shall be available and installed:

1. Adequate space, suitable and properly located facilities shall be provided for inspection of the various species of slaughtered animals;

2. There shall be adequate facilities for hand washing, equipment sterilization and floor washing;

